REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UKWAKIRA 2022

10 Ugushyingo 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKWAKIRA 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 20,1% mu kwezi kw'Ukwakira 2022 ugereranyije n'Ukwakira 2021. Ibiciro muri Nzeri 2022 byari byiyongereyeho 17,6%.

Mu kwezi kw'Ukwakira 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 39,7%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,9%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 13,6% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 18,6%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2022 n'Ukwakira 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 14,4%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2022 na Nzeri 2022, ibiciro byiyongereyeho 2,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,3%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukwakira 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 39,2% ugereranyije n'Ukwakira 2021. Ibiciro muri Nzeri 2022 byari byiyongereyeho 28,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera m'Ukwakira, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 64,8% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 19,1%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2022 na Nzeri 2022 ibiciro byiyongereyeho 7,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 11,7% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 3,8%.

**Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi kw'Ukwakira 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 31% ugereranyije n'Ukwakira 2021. Muri Nzeri 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 23,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera m'Ukwakira 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 56,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 14,4%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2022 na Nzeri 2022 ibiciro byiyongereyeho 5,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 9,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,7%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2021 kugeza m'Ukwakira 2022.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2021 kugeza m'Ukwakira 2022**
*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2021 | | | 2022 | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 0,6 | 1,0 | 1,9 | 4,3 | 5,8 | 7,5 | 9,9 | 12,6 | 13,7 | 15,6 | 15,9 | 17,6 | 20,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -6,0 | -6,4 | -4,7 | -0,8 | 3,1 | 4,3 | 11,0 | 16,4 | 17,9 | 22,5 | 23,6 | 28,5 | 39,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -3,3 | -3,4 | -2,0 | 1,3 | 4,2 | 5,6 | 10,5 | 14,8 | 16,1 | 19,6 | 20,4 | 23,9 | 31,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,6 | -0,5 | 0,0 | 2,1 | 1,8 | 3,1 | 2,4 | 1,9 | 0,8 | 1,7 | 0,5 | 2,1 | 2,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,7 | -1,1 | 0,1 | 2,9 | 4,5 | 2,6 | 4,7 | 2,3 | 1,5 | 3,5 | 1,6 | 3,8 | 7,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -0,1 | -0,9 | 0,1 | 2,5 | 3,3 | 2,8 | 3,7 | 2,1 | 1,2 | 2,7 | 1,1 | 3,1 | 5,6 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw